Cl

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kicukiro, kuwa 26/08/2016**
**Réf. N°006/07.0103/Njy/2016**

CITY OF KIGALI
29 AUG 2016
RECEIVED

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA KICUKIRO**
**INAMA NJYANAMA**

**Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**KIGALI**

**Impamvu** : Inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 25/06/2016

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 25/06/2016 nk'uko yemejwemu nama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 20/08/2016.

Iyo nyandikomvugo murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.
Mugire amahoro.

26/08/2016

**Eng. NKUBANA A. Dismas**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
**KICUKIRO**

26/08/2016
AA/MAJOR

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 25 KAMENA 2016**

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kicukiro tariki ya 25/06/2016, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Eng. NKUBANA A. Dismas. Inama yatangiye saa munani n'iminota mirongo itatu n'itandatu (14:36), isoza imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'iminota mirongo ine n'umwe (18:41) z'umugoroba.

Inama yari yatumiwemo inzego zinyuranye bitewe n'uko ku murongo w'ibyigwa harimo no gutora ingengo y'imari y'Akarere. Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi nayo yari ihagarariwe n'umukozi waje gukurikirana uburyo hatorwa icyemezo cy'Inama Njyanama gishyiraho ingengo y'imari 2016/2017.

**Abajyanama bitabiriye inama:**

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | EMAIL ADDRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Eng. NKUBANA A. Dismas | Umuyobozi w'Inama Njyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama | twagirainn@yahoo.fr | 0788300595 |
| | UWIZEYE Odette | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | uwizeyeode@gmail.com, uwizeyeode@yahoo.fr | 0788304391 |
| 4 | Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne | Umujyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788389949 |
| 5 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788304557 |
| 6 | BAINGANA Emmanuel | Umujyanama | baingema@gmail.com | 0788464969 |
| 7 | MUREKATETE Alphonsine | Umujyanama | alphafuraha12@gmail.com | 0788819547 |
| 8 | UWIMANA Virginie | Umujyanama | kavivi2015@gmail.com | 0788463654 |
| 9 | TUMUKUNDE Monica Léonard | Umujyanama | gatsleo@gmail.com | 0788875779 |
| 10 | SALAFINA Flavia | Umujyanama | fsalafina@gmail.com | 0788449500 |
| 11 | UWAMARIYA Annet | Umujyanama | annetuwamariya@gmail.com | 0788763800 |
| 12 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 13 | MAGAJU Aimable | Umujyanama | Aimag2001@yahoo.fr | 0788354720 |
| 14 | SHEMA Kenneth | Umujyanama | shemakenny@yahoo.com | 0786913473 |
| 15 | MUTAMBA Betty | Umujyanama | mutambab@yahoo.com | 0788491956 |
| 16 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |
| 17 | MUKARUTESI Athanasie | Umujyanama | gathanasie@yahoo.com | 0788759414 |
| 18 | UWIMBABAZI Pelagie | Umujyanama | uwimbabazi.pelagie@yahoo.com | 0788521078 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RUTIKANGA Alexandre | Umujyanama | rutikangaalexandre@gmail.com | 0788415085 |
| 2 | NIYITANGA Irené | Umujyanama | ninairene22@yahoo.com | 0784298045 |

Ku murongo w'ibyigwa Abajyanama bemeje ingingo zikurikira, izindi ngingo zari ziteganyijwe, bitewe n'impamvu z'igihe kidahagije, Inama Njyanama yemeza ko zizigwa mu nama y'Inama Njyanama itaha. Icyemezo gitorwa n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yo kuwa 23/04/2016;
2. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama Njyanama yo kuwa 23/04/2016;



Ntef

3. Gusuzuma ibaruwa ya RDB;
4. Gusuzuma no kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro ;
5. Gusuzuma no kwemeza iteganyabikorwa n'ingengo y'imari y'Akarere ka Kicukiro 2016/2017.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 23/04/2016**

**Umwanzuro 013/06/15-16**

Nyuma yo gusuzuma inyandikomvugo y'inama y'Inama Njyanama yateranye kuwa 23/04/2016 ingingo ku yindi, abajyanama bemeje iyo nyandikomvugo bamaze kuyikorera ubugororangingo. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 2: Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 23/04/2016**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama uburyo imyanzuro yashyizwe mu bikorwa, ku myanzuro 12 yari yemejwe mu nama y'Inama Njyanama yo kuwa 23/04/2016, ibiri niyo yari itararangira gushyirwa mu bikorwa ariko nayo bikaba byaragaragaye ko izarangizwa muri Nyakanga 2016.

**Umwanzuro 014/06/15-16**

Inama Njyanama yashimye uburyo imyanzuro y'Inama Njyanama yashyizwe mu bikorwa inasaba ko itarashyirwa mu bikorwa yihutishwa. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 3: Gusuzuma ibaruwa ya RDB**

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko Ubuyobozi bwa Rwanda Development Board (RDB) bwandikiye Ubuyobozi bw'Akarere ibaruwa ref n°. RDB/CFO/401/06/16 yo kuwa 06/06/2016 basaba guhabwa ubundi butaka bungana na 8.3 Ha bwiyongera kuri Ha 9.3 bahawe ku buntu n'Akarere ka Kicukiro mu mwaka wa 2012 hashingiwe ku mwanzuro w'Inama Njyanama n° 018/03/2012 wafashwe mu nama yo kuwa 17/03/2012; mu rwego rwo gushyira mu bikorwa umushinga wa Kigali Cultural Village. Mu ibaruwa yabo bavuga ko ubwo busabe bwa kabiri babugiriwemo inama n'Umujyi wa Kigali mu nama yabereye kuri Lemigo Hotel kuwa 24/07/2013. Bakaba basaba Akarere ka Kicukiro ko kabongera ubutaka bungana na Ha 8.3.

Inama Njyanama imaze gusuzuma ubwo busabe igasanga koko Akarere gafite ubutaka bwegeranye n'ubwa RDB ariko ubwo butaka Akarere ka Kicukiro kakaba kari karabugeneye ibindi bikorwa biteza imbere Akarere;

Inama Njyanama isanze kandi umushinga wo kubaka "Kigali Cultural Village" ari umushinga mwiza ujyanye n'iterambere tugezemo bityo hakaba hakenewe ubutaka buhagije;

**Umwanzuro 015/06/15-16**

Inama Njyanama yemeje ko, kugirango Akarere ka Kicukiro gakomeze umushinga wako kandi na Rwanda Development Board (RDB) ikomeze umushinga wayo, hakorwa igenagaciro ry'ubutaka buri mu kibanza cy'Akarere gifite UPI: 1/03/02/04/3034 bungana na Ha 8.3, ubwo butaka RDB ikabugura n'Akarere kugira ngo nako karangize inshingano zako cyane ko ubwa mbere bungana na Ha 9.3 bwo Akarere kabutangiye ubuntu. Iki cyemezo cyatowe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cyinama.

**Ingingo ya 4: Gusuzuma no kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro**

Abisabwe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama ibipimo by'imisoro n'amahoro biteganyijwe mu mwaka wa 2016/2017 nkuko byizwe na komisiyo hashingiye ku iteka rya Perezida rishyiraho ibipimo by'imisoro n'amahoro. Yagaragaje ibyahindutse ku byari bisanzwe biteganyijwe mu mwaka ushize wa 2015/2016. Yibukije Inama Njyanama ko icyemezo gishyiraho ubukode bw'ubutaka 2016 hashize amezi 6 cyemejwe n'Inama Njyanama, bityo ivugururwa ryacyo rikaba riteganyijwe mu kwezi k'Ugushyingo 2016 kugira ngo gitangire gushyirwa mu bikorwa mu mwaka wa 2017.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku mabwiriza agena imisoro n'amahoro 2016/2017, bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro 016/06/15-16**

Inama Njyanama yemeje icyemezo cy'Inama Njyanama n° 016/06/15-16 cyo kuwa 25/06/2016 kigena ibipimo by'imisoro n'amahoro y'umwaka w'Ingengo y'Imari ya 2016/2017 nk'uko kigaragazwa n'umugereka n°1. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'Inama Njyanama.

Inama Njyanama yagejejweho kandi urutonde rw'ababereyemo Akarere imyenda y'imisoro kugeza tariki ya 30 Kamena 2015. Akarere kakaba gasaba ko urwo rutonde ruvanwa mu bitabo by'imari y'Akarere kuko ubu ayo madeni abarwa mu bitabo bya RRA yeguriwe imisoro no mu bitabo by'Akarere katagisoresha ahubwo gakora ubukangurambaga ku misoro.

**Umwanzuro 017/06/15-16**
Nyuma yo gusuzuma ihererekanyabubasha hagati ya RRA n'Akarere ry'urutonde rw'ababereyemo Akarere imyenda y'imisoro kugeza tariki ya 30 Kamena 2015, Inama Njyanama yemeje ko ayo madeni avanwa mu bitabo by'Akarere kuko Akarere katagifite ububasha bwo kuyishyuza. Icyemezo cyatowe n'abajyanama bose bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 5: Gusuzuma no kwemeza iteganyabikorwa n'ingengo y'imari y'Akarere ka Kicukiro 2016/2017**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasobanuriye abitabiriye inama inzira zose umushinga w'iteganyabikorwa n'ingengo y'imari by'Akarere 2016/2017 wanyuzemo kugira ngo ugere ku rwego rwo kugezwa kuri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu kugirango iwunoze mbere y'uko Inama Njyanama y'Akarere iwemeza.

Yakomeje asaba Umuyobozi wa Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu gusobanurira abitabiriye inama ingengo y'imari 2016/2017 y'Akarere ka Kicukiro n'iteganyabikorwa rijyanye nayo.

**A. Ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari y'Akarere ka Kicukiro 2015/2016**

Umuyobozi wa komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yabanje gusaba Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kugeza ku Nama Njyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari **2015/2016** y'Akarere ka Kicukiro, agaragaza ibi bikurikira:

**a. Uko amafaranga yinjiye (budget performance per revenues) 2015/16 kugeza kuwa 24/6/2016**

| | | Ingengo y'imari yemejwe / Approved Budget | Ingengo y'imari ivuguruye /Revised Budget | Ayinjiye kugeza kuwa 24/06/2016 Performance as at 24/06/2016 | % |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Inkunga z'Ubutegetsi bwite bwa Leta / Earmarked transfers | 5,407,487,993 | 5,221,737,234 | 5,174,855,349 | 99% |
| II. | Ayari kuri konti y'Akarere / Opening Balance | 306,850,289 | 449,438,286 | 449,438,286 | 77% |
| III. | Amafaranga yinjijwe n'Akarere/ Own Revenues | 5,456,222,717 | 5,456,222,717 | 4,209,045,886 | 100% |
| IV. | Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta/ Transfers From Other GoV | 50,115,830 | 176,432,281 | 321,112,433 | 182% |
| V. | Izindi nkunga/ External Grants | 472,807,628 | 472,807,628 | 472,807,628 | 100% |
| **Igiteranyo cy'amafaranga yari ateganyijwe kwinjira / Total Revenues** | | **11,693,484,457** | **11,776,638,146** | **10,627,259,582** | **90%** |

Nyuma yo kugaragariza Inama Njyanama ko tariki ya 02/06/2016 LODA yongereye Akarere ka Kicukiro miliyoni ijana na mirongo itanu n'enye ibihumbi magana atandatu na mirongo cyenda na bitanu n'amafaranga magana atandatu mirongo inani n'abiri (Rwf 154,695,682) ku mushinga wo kubaka umuhanda Camp Kanombe - Busanza- Rubilizi ibi bikaba byaratumye ingengo y'imari yatowe 2015/16 iva kuri Rwf 11,776,638,146 ikaba Rwf 11,931,333,828; umuyobozi wa komisiyo yasabye Inama Njyanama ko yakwakira izo mpinduka ku ngengo y'imari 2015/2016 kugirango ayo mafaranga azakoreshwe icyo yateganyirijwe cyane ko izo mpinduka zamaze kugaragarizwa Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi.

**Umwanzuro 018/06/15-16**

Inama Njyanama yakiriye izo mpinduka ku ngengo y'imari yatowe 2015/2016 bitewe n'amafaranga 154,695,682 yatanzwe na LODA ku mushinga wo kubaka umuhanda Camp Kanombe - Busanza- Rubilizi, inasaba ko akoreshwa icyo yagenewe.

b. **Uko amafaranga yakoreshejwe kugeza kuwa 22/06/2016 (Budget performance / Expenditures)**

| | **Ingengo y'imari yemejwe / Approved Budget** | **Ingengo y'imari ivuguruye /Revised Budget** | **Ayakoreshejwe kugeza kuwa 24/06/2016 / Performance as at 24/06/2016** | **%** |
|---|---|---|---|---|
| **I. Amafaranga yakoreshejwe mu Ngengo y'Imari isanzwe** | **8,696,348,485** | **8,986,973,748** | **7,825,270,359** | **87%** |
| I.1. Imishahara y'abakozi b'Akarere/District Salaries | 1,891,065,318 | 1,711,038,314 | 1,481,494,874 | 87% |
| 1.2. Imishahara y'abaganga/ Health workers salaries | 1,135,583,110 | 1,135,583,110 | 1,135,583,110 | 100% |
| 1.3. Imishahara y'abarimu/ Teachers salaries | 1,759,109,616 | 1,795,176,029 | 1,756,052,656 | 98% |
| 1.4. Others recurrent costs | 3,910,590,441 | 4,345,176,295 | 3,452,139,719 | 79% |
| **II. . Amafaranga yakoreshejwe mu Ngengo y'Imari y'iterambere /Development Costs** | **2,997,135,972** | **2,789,664,398** | **2,396,696,593** | **86%** |
| Amafaranga yakoreshejwe mu bikorwa by'iterambere /Development expenditures | 2,997,135,972 | 2,789,664,398 | 2,396,696,593 | 86% |
| **Total expenditures** | **11,693,484,457** | **11,776,638,146** | **10,221,966,952** | **87%** |

**Imishinga izakomeza mu ngengo y'imari 2016/2017**

| N° | IZINA RY'UMUSHINGA | AMAFARANGA | AHO AMAFARANGA AZAVA |
|---|---|---|---|
| 1 | 5.8 km of Camp Kanombe - Busanza- Rubilizi asphalt Road | 744,099,485 | GoR/LODA external grant &Own revenues |
| 2 | Joint Project of 32 km of cobblestones paved roads (Kigarama, Gikondo, Niboye and Kagarama to be upgraded into double-surfaced roads - BICOUCHE | 400,000,000 | Own Revenues (Multi-year Project) |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3 | Niboye Sector administration Office | 131,381,800 | Own Revenues +funds from expropriation |
| 4 | 2 technical study elaborated (Muyange asphalt road and Byimana paved road) won't be executed due to insufficient funds | | Funds to be mobilized |
| | **TOTAL AMOUNT** | 1,275,481,285 | |

Hasobanuwe ko hari fagitire zitaraza mu karere ziva kuri ba Rwiyemezamirimo, izo fagitire zikaba zizishyurwa ku ngengo y'imari 2016/2017.

## B. INGENGO Y'IMARI 2016/2017

Nyuma y'igaragazwa ry'ikoreshwa ry'ingengo y'imari y'umwaka wa 2015/2016, Umuyobozi wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamurikiye Inama Njyanama Umushinga w'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka wa 2016/2017, avuga kandi ko hari amafaranga y'u Rwanda 500,000,000 yagabanutse ku mushinga w'ingengo y'imari yari yateguwe kuko ayo mafaranga azakoreshwa mu kwagura umuhanda Rwandex-Prince House.

Yagaragaje ko amafaranga ateganijwe kwinjira mu ngengo y'imari y'Akarere ka Kicukiro mu gihe cy'umwaka wa 2016/2017, ahwanye na Miliyari cumi n'imwe miliyoni magana atandatu na mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana inani na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'atatu y'u Rwanda **(11,645,807,063 Frw).**

Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari y'Akarere ka Kicukiro mu mwaka wa 2016/2017 ahwanye na Miliyari cumi n'imwe miliyoni magana atandatu na mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana inani na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'atatu y'u Rwanda **(11,645,807,063 Frw).**

Imbonerahamwe zikurikira ziragaragaza uburyo amafaranga ateganyijwe kuzinjira no gukoreshwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2016/2017:

| **Imbonerahamwe"A"** | **Umubare** |
|---|---|
| **I. Amafaranga yinjizwa n'akarere** | **5,597,654,329** |
| **I.1. Imisoro yakwa n'Akarere** | **1,993,369,103** |
| I.1.1. Umusoro ku mutungo utimukanwa | 245,118,238 |
| I.1.2. Umusoro ku nyungu z'ubukode | 1,309,789,792 |
| I.1.3. Umusoro w'Ipatanti | 438,461,073 |
| **I.2. Amahoro yakwa n'Akarere** | **3,300,171,901** |
| I.2.1. Amahoro yo mu isoko | 241,366,702 |
| I.2.2. Amahoro yakwa ku marimbi rusange; | |
| I.2.3. Amahoro kuri parking | 97,684,125 |
| I.2.4. Amahoro kuri za parikingi rusange | |
| I.2.5. Amahoro kuri parking z'ubwato | |
| I.2.6. Amahoro y'ubukode bw'ubutaka | 1,683,817,340 |
| I.2.7. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi | |
| I.2.8. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho | |

| | |
|---|---|
| kariyeri | 7,507,500 |
| I.2.9. Amahoro y'isuku rusange | 592,033,128 |
| I.2.10. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe | |
| I.2.11. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza | 124,242,150 |
| I.2.12. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri | 301,737,309 |
| I.2.13. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, kubumba no gutwika amatafari n'amategura; | |
| I.2.14. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole; | 191,914,222 |
| I.2.15. Amahoro yakwa ku cyapa cy'ubwato | |
| I.2.16. Amahoro yakwa ku byapa by'amagare | |
| I.2.17. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi | 21,119,175 |
| I.2.18. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba | 38,750,250 |
| I.3. Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | **304,113,325** |
| I.3.1 Amahazabu | 17,573,325 |
| I.3.2 Impano n'indagano | |
| I.3.3 Amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara | |
| I.3.4 Amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'ibanze | 286,540,000 |
| **II. Inkunga z'ubutegetsi bwite bwa leta** | **5,556,635,706** |
| II.1. Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | 0 |
| II.2. Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | 5,556,635,706 |
| **III.. Izindi nkunga zikomoka mu nzego za leta** | **10,115,850** |
| **IV. Amafaranga y'abaterankunga** | **481,401,199** |
| **V. Inguzanyo** | **0** |
| **VI. Inyungu kw'ishoramari** | **0** |
| **VII. Amafaranga ari kuri konti z'Akarere mu ntangiriro y'umwaka** | **0** |
| **Igiteranyo cy'amafaranga ateganyijwe kwinjira (i+ii+iii+iv+v+vi+vii)** | **11,645,807,063** |

| | |
|---|---|
| **Imbonerahamwe "B"** | |
| **I. amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe** | **9,042,871,433** |
| I.1.amafaranga yishyura imishahara | 4,490,689,146 |
| I.2.Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | 1,497,662,725 |
| I.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | 2,761,656,419 |
| I.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | 292,863,143 |
| **II.Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere** | **2,602,935,630** |
| II.1. Amafaranga azashorwa | 2,602,935,630 |
| **Igiteranyo cy'amafaranga azakoreshwa** | **11,645,807,063** |
| **Imbonerahamwe "C"** | |
| **I. Amafaranga yinjizwa n'akarere ubwako** | **5,597,654,328** |
| a) Amafaranga ava ku misoro y'Akarere | 1,993,369,103 |
| b) Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | 3,604,285,226 |
| **II. Inkunga z'ubutegetsi bwite bwa Leta** | **5,556,635,706** |
| a) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | 5,556,635,706 |

| | |
|---|---|
| b) Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | 0 |
| **III. Izindi nkunga zikomoka mu nzego za LETA** | **10,115,830** |
| **IV. Amafaranga y'abaterankunga** | **481,401,199** |
| **V. Inguzanyo** | **0** |
| **VI. Inyungu kw'ishoramari** | **0** |
| **Igiteranyo cy'amafaranga ateganyijwe kwinjira** | **11,645,807,063** |
| **Igiteranyo cy'amafaranga ateganijwe gukoreshwa n'akarere** | **11,645,807,063** |
| **I. Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe** | **9,042,871,433** |
| I.1. Amafaranga yishyura Imishahara | 4,490,689,146 |
| I.2. Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | 1,497,662,725 |
| I.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | 2,761,656,419 |
| I.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | 292,863,143 |
| **II. Amafaranga azashorwa mu mishinga y'iterambere** | **2,602,935,630** |
| | |

**Umwanzuro 019/06/15-16**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku ngengo y'imari 2016/2017, abari mu nama bunguranye ibitekerezo basanga yarateguranywe ubushishozi ikwiye kwemezwa ariko bifuza ko amafaranga atangwa n'Akarere mu Mujyi wa Kigali yajya atangwa hakurikijwe amafaranga yinjira muri buri karere k'Umujyi wa Kigali kandi agatangwa hakurikijwe ibilometero by'umuhanda uzubakwa muri buri karere. Umuyobozi w'Akarere yasabwe kuzakora ubuvugizi mu Mujyi wa Kigali.

**Umwanzuro 020/06/15-16**

Umuyobozi w'inama yasomeye abajyanama icyemezo cy'Inama Njyanama N° 20/06/15-16 cyo kuwa 25/06/2016 gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2016/2017. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 18/18 bari mu cyumba cy'inama.

Nyuma yo gushyira umukono kuri iki cyemezo, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagishyikirije Umugenga w'Ingengo y'imari y'Akarere akaba n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere kugirango azagishyire mu bikorwa hubahirijwe ibiteganyijwe byose bijyanye n'amategeko.

Umuyobozi w'Inama yashoje inama ashimira abayitabiriye, abashimira n'uruhare bagize mu nama.

26/08/2016 — 26/08/2016

| | |
|---|---|
| **UWIZEYE Odette** | **Eng. NKUBANA A. Dismas** |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Umuyobozi w'Inama Njyanama |

REPUBULIKA Y'U RWANDA

AKARERE KA KICUKIRO

| |
|---|
| Icyemezo cy'Inama Njyanama N°020/06/15-16 cyo kuwa 25/06/2016 gishyiraho ingengo y'Imari y'Akarere y'umwaka wa 2016/2017. |
| The District Council Decision N°020/06/15-16 of 25th June 2016 determining the district finances for Fiscal Year 2016/2017. |
| Décision du conseil du District N° 020/06/15-16 du 25/06/2016 portant Fixation des Finances du District pour la période de l'exercice fiscal 2016/2017. |

# INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA KICUKIRO Y'UMWAKA WA 2016/2017

# KICUKIRO DISTRICT BUDGET FOR FISCAL YEAR 2016/2017

# BUDGET DU DISTRICT KICUKIRO POUR L'EXERCICE FISCALE 2016/2017

**ICYEMEZO CY'INAMA NJYANAMA N° 020/06/15-16 CYO KUWA 25/06/2016 GISHYIRAHO INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA KICUKIRO Y'UMWAKA WA 2016/2017.**

Abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro mu nama yabo yo kuwa 25/06/ 2016;

Bashingiye ku Itegeko Ngenga N°12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta ;

Bashingiye ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4, iya 5, iya 57, iya 58, iya 60, iya 61, iya 62 n'iya 63;

Bashingiye ku Itegeko N°87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere

**DISTRICT COUNCIL DECISION N° 020/06/15-16 OF 25/06/2016 DETERMINING THE KICUKIRO DISTRICT FINANCES FOR THE 2016/2017 FISCAL YEAR.**

The District Council Members of Kicukiro District, in their session of 25/06 /2016;

Pursuant to the Organic Law N°12/2013/OL of 12/09/2013 on State Finances and Property ;

Pursuant to the Law N° 59/2011 of 31/12/2011 establishing the sources of revenue and property of decentralized entities and governing their management especially in its articles 4, 5, 57, 58, 60, 61, 62 and 63;

Pursuant to the Law N°87/2013 of 11/09/2013 determining the organization and functioning of the decentralized

**DECISION DU CONSEIL DU DISTRICT N° 020/06/15-16 DU 25/06/2016 PORTANT FIXATION DES FINANCES DU DISTRICT DE KICUKIRO POUR LA PERIODE DE L'EXERCICE FISCAL 2016/2017.**

Les membres du Conseil du District de Kicukiro en leur séance du 25/06/2016;

Vu la Loi Organique N° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux Finances et au Patrimoine de l'Etat

Vu la Loi N° 59/2011 du 31/12/2011 portant source de revenus et du patrimoine des entités décentralisées et régissant leur utilisation spécialement en ses articles 4, 5, 57, 58, 60, 61, 62 et 63;

Vu la Loi N°87/2013 du 11/09/2013 portant organisation et fonctionnement des entités administratives décentralisées;

y'Igihugu zegerejwe abaturage

administrative entities;

Bishingiye ku Iteka rya Minisitiri N° 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena Amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Pursuant to Ministerial Order N° 002/07.01 of 02/07/2015 instituting the internal rules and regulations governing the Councils of decentralized administrative entities.

Vu l'Arrêté Ministériel N° 002/07.01 du 02/07/2015 portant règlement d'ordre intérieur des entités administratives décentralisées.

**BEMEJE:**

**ADOPT:**

**ADOPTENT :**

**Ingingo ya mbere:** Amafaranga ateganyijwe kwinjira

Hakurikijwe Imbonerahamwe "A" ikurikira, amafaranga ateganijwe kwinjira mu Ngengo y'Imari y'Akarere ka Kicukiro mu gihe cy'umwaka wa 2016/2017, ahwanye na Miliyari cumi n'imwe miliyoni magana atandatu na mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana inani na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'atatu y'u Rwanda **(11,645,807,063 Frw).**

**Article One:** Expected revenues

In accordance with table "A" below, the expected total resources for the District Budget of Kiukiro for the fiscal year 2016/2017 are valued at Eleven billion six hundred forty-five million eight hundred seven thousand sixty-three Rwandan francs **(Rwf 11,645,807,063).**

**Article premier:** Ressources

Conformément au tableau "A" ci-après, le total des ressources du Budget du District de Kicukiro est évalué pour la période de l'exercice fiscal 2016/2017 à onze milliards six cent quarante-cinq millions huit cent sept mille soixante-trois francs Rwandais **(11,645,807,063 Frw).**

Ibisobanuro birambuye byerekeye ateganyijwe kwinjira mu Isanduku y'Akarere arimo akomoka ku misoro n'andi mafaranga yinjizwa

Details of the tax and non tax revenues, grants from Central Government and other resources from donors are given in annex I of this

Les détails des ressources provenant des taxes et non-taxes collectées par le District ainsi que

n'Akarere, inkunga ziva mu butegetsi bwite bwa Leta ndetse n'inkunga zituruka mu bandi baterankunga batandukanye, biri ku mugereka wa mbere w'iki cyemezo.

Decision.

les dons en provenance du Gouvernement Central et des autres bailleurs de fonds sont présentés en annexe I de la présente Décision.

Ayo mafaranga akwirakwije ku buryo bukurikira:

These resources are allocated as follows:

Ces recettes se répartissent comme suit :

| Imbonerahamwe"A" | Table"A" | Tableau"A" | Umubare Amount Montant |
|---|---|---|---|
| I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE | I. DISTRICT OWN REVENUES | I. LES RECETTES PROPRES DU DISTRICT | 5,597,654,329 |
| **I.1. Imisoro yakwa n'Akarere** | **I.1. District taxes** | **I.1. Taxes du District** | **1,993,369,103** |
| I.1.1. Umusoro ku mutungo utimukanwa | I.1.1. Fixed asset tax | I.1.1. Impôts sur les biens immobiliers | 245,118,238 |
| I.1.2. Umusoro ku nyungu z'ubukode | I.1.3. Rental income tax | I.1.3. Impôts sur le revenu locatif | 1,309,789,792 |
| I.1.3. Umusoro w'Ipatanti | I.1.4. Trading license tax | I.1.4. Droit de patente | 438,461,073 |
| **I.2. Amahoro yakwa n'Akarere** | **I.2. Fees charged by District** | **I.2. Taxes parafiscales imposes par le District** | **3,300,171,901** |
| I.2.1. Amahoro yo mu isoko | I.2.1.Market fees | I.2.1. Frais du marché; | 241,366,702 |
| I.2.2. Amahoro yakwa ku marimbi rusange; | I.2.2. Fees charged on public cemeteries | I.2.2. Frais sur les cimetières publics | - |
| I.2.3. Amahoro kuri parking | I.2.3. Fees charged on public parkings | I.2.3. Frais de parkings | 97,684,125 |
| I.2.4. Amahoro kuri za parikingi rusange | I.2.4. Fees on public taxi parks | I.2.4. Frais sur les parcs de stationnement publics | - |
| I.2.5. Amahoro kuri parking z'ubwato | I.2.5. Parking fee on boats | I.2.5. Frais de parking pour les bateaux | |
| I.2.6. Amahoro y'ubukode bw'ubutaka | I.2.6. Fees on land lease | I.2.6. Frais sur la location de terrains | 1,683,817,340 |
| I.2.7. Amahoro yakwa buri mwaka | I.2.7. Land lease fees to be | I.2.7. Frais de locations perçus annuellement sur | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| k'ubukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi | collected annually on land used for agriculture and livestock activities | les terrains utilisés pour les activités agricoles et d'élevages | |
| I.2.8. Amahoro yakwa buri mwaka k'ubukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri | I.2.8. Fees charged annually on land reserved for quarries exploitation | I.2.8. Frais perçus annuellement sur la location des terrains réservés pour l'exploitation des carriers | 7,507,500 |
| I.2.9. Amahoro y'isuku rusange | I.2.9. Fees charged on public cleaning services | I.2.9. Frais pour les services de nettoyage public | 592,033,128 |
| I.2.10. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe | I.2.10. Fee charged on civil marriage done outside the official business days | I.2.10. Frais pour la célébration d'un mariage civil en dehors des jours ouvrables officiels | |
| I.2.11. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza | I.2.11. Fees charged on provision of land and plot related services | I.2.11. Frais sur les services liés aux documents de biens immobiliers et aux parcelles | 124,242,150 |
| I.2.12. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri | I.2.12. Fees charged on official documents provided by the Government and documents notified by the public Notary | I.2.12. Frais sur les documents officiels délivrés par le Gouvernement et les actes notariés du notaire | 301,737,309 |
| I.2.13. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, kubumba no gutwika amatafari n'amategura; | I.2.13. Fees charged on authorizations to burn firewood, clay bricks and roof tiles | I.2.13. Frais pour la délivrance d'une autorisation de production des briques cuites, des tuiles et du charbon de bois ; | |
| I.2.14. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole; | I.2.14. Fees charged on advertising billboard or banners | I.2.14. Frais sur les panneaux publicitaires et banderoles; | 191,914,222 |
| I.2.15. Amahoro yakwa ku cyapa cy'ubwato | I.2.15. Fees charged on boat number plates | I.2.15. Frais sur les plaques d'immatriculation des bateaux ; | |
| I.2.16. Amahoro yakwa ku byapa by'amagare | I.2.16. Fees charged on bicycle number plates | I.2.16. Frais sur les plaques d'immatriculation des vélos; | |
| I.2.17. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi | I.2.17. Fees charged on communication towers | I.2.17. Frais sur les antennes de communication ; | 21,119,175 |
| I.2.18. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba | I.2.18. Fees charged on transport of materials from quarries and forests | I.2.18. Frais sur le transport des matériaux provenant des carrières et des forêts | 38,750,250 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| I.3. Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | I.3. District non tax revenues | I.3. Recettes non fiscales du District | **304,113,325** |
| I.3.1 Amahazabu | I.3.1 Fines | I.3.1 Frais d'amendes | 17,573,325 |
| I.3.2 Impano n'indagano | I.3.2 Donations and bequests | I.3.2 Dons et legs | |
| I.3.3 Amafaranga aturuka ku gaciro k'umutungo utimukanwa ugurishijwe muri cyamunara | I.3.3 Fees from the value of immovable property sold by auction | I.3.3 Frais perçus sur la valeur d'une propriété immobilière vendue aux enchères | |
| I.3.4 Amafaranga aturuka ku bukode no ku igurishwa ry'ubutaka bw'inzego z'ibanze | I.3.4 Funds obtained from rent and sale of land of decentralized entities | I.3.4 Recettes provenant du loyer et de la vente des terres des entités décentralisées | 286,540,000 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **5,556,635,706** |
| II.1. Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | II.1. Block Grant transfers | II.1. Transferts non ciblés | 0 |
| II.2. Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | II.2. Earmarked transfers | II.2. Transferts ciblés | 5,556,635,706 |
| **III.. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **10,115,850** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | **481,401,199** |
| **V. INGUZANYO** | **V. DOMESTIC LOAN** | **V. EMPRUNTS** | **0** |
| **VI. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VI. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VI. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | **0** |
| **VII. AMAFARANGA ARI KURI KONTI Z'AKARERE MU NTANGIRIRO Y'UMWAKA** | **VII. DISTRICT OPENING BANK ACCOUNT BALANCES** | **VII. SOLDE DES COMPTES DU DISTRICT AU DEBUT DE L'ANNEE FISCALE** | **0** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **TOTAL REVENUES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **RECETTES TOTALES (I+II+III+IV+V+VI+VII)** | **11,645,807,063** |

**Ingingo ya 2: Amafaranga ateganyijwe gusohoka**

Hakurikijwe imbonerahamwe "B" ikurikira, amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu ngengo y'imari y'Akarere ka **Kicukiro** mu mwaka wa 2016/2017 ahwanye na Miliyari cumi n'imwe miliyoni magana atandatu na mirongo ine n'eshanu ibihumbi magana inani na birindwi n'amafaranga mirongo itandatu n'atatu y'u Rwanda **(11,645,807,063 Frw).**

Amafaranga yose Akarere gateganya gukoresha agabanijemo amafaranga akoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe igenewe kwishyura Imishahara, kwishyura ibikoresho n'imirimo bihabwa Akarere mu kazi ka buri munsi ndetse n'amafaranga ashorwa mu mishinga y'Iterambere, akwirakwijwe ku buryo bukurikira:

**Article 2: Expenditures**

In accordance with table "B" below, the expenditures of the **Kicukiro** District during the year 2016/2017are valued at Eleven billion six hundred forty-five million eight hundred seven thousand sixty-three Rwandan francs **(Rwf 11,645,807,063).**

The total expenditures of the District are allocated towards current expenditures to pay salaries and other goods and services as well as capital expenditures for development projects as follows:

**Article 2 : Dépenses**

Conformément au tableau "B"ci-après, les dépenses totales du District de **Kicukiro** pour la période de l'exercice fiscal 2016/2017 sont évaluées à onze milliards six cent quarante-cinq millions huit cent sept mille soixante-trois francs Rwandais **(11,645,807,063 Frw).**

Les dépenses totales du District sont réparties en dépenses courantes pour payer les salaires et autres biens et services consommes par le District ainsi que les dépenses en capital pour financer les projets de développement du Districts comme suit :

| Imbonerahamwe "B" | Table "B" | Tableau "B" | Umubare Amount Montant |
|---|---|---|---|
| **I. Amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari,isanzwe** | **I. Current expenditures** | **I. Dépenses courantes** | 9,042,871,433 |
| I.1.Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1.Salaires | 4,490,689,146 |
| I.2.Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2.Biens et services | 1,497,662,725 |
| I.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.3. Subsidies and current transfers | I.3.Subvention et transferts courants | 2,761,656,419 |
| I.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | II.4. Social benefits | II.4. Assistance sociale | 292,863,143 |
| **II.Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere** | **II.Development projects** | **II.Projets de développement** | **2,602,935,630** |
| II.1. Amafaranga azashorwa | II.1. Capital expenditure | II.1. Dépenses en capital | 2,602,935,630 |
| IGITERANYO CY'AMAFARANGA AZAKORESHWA | TOTAL EXPENDITURES | DEPENSES TOTALES | 11,645,807,063 |

Amafaranga azakoreshwa n'Akarere asaranganyijwe hakurikijwe imirongo y'ingengo y'imari, ibikorwa bijyanye n'ingamba zo kurwanya ubukene (EDPRS), ibyiciro by'imirimo, porogaramu ndetse n'urwego rw'ubukungu nkuko umugereka wa II ubyerekana.

Details of the District expenditures by budget lines, by District EDPRS priorities, by sector, by programme and sub-programmes and by economic classification are provided in annex II.

Les détails des dépenses du District sont présentés par lignes budgétaires, par priorités de l'EDPRS, par secteur d'activité, par programme et sous-programme et par classification économique conformément à l'annexe II.

**Ingingo ya 3: Uburinganire bw'ingengo y'imari y'Akarere**

Uburinganire bw'ingengo y'imari y'akarere yinjira n'isohoka buhujwe ku buryo buteye butya:

**Article 3: Consolidated Budget of the District**

The consolidated Budget of the District is as follows:

**Article 3 : Equilibre du Budget du District**

Equilibre du Budget du District entre les recettes et les dépenses s'établissent comme suit:

| IMBONERAHAMWE "C" | TABLE "C" | TABLEAU "C" | |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE UBWAKO** | **I. DISTRICT OWN REVENUES** | **I. RECETTES PROPRES DU DISTRICT** | **5,597,654,328** |
| a) Amafaranga ava ku misoro y'Akarere | a) District tax revenues | a) Les recettes fiscales du District | 1,993,369,103 |
| b) Andi mafaranga atari imisoro yakwa n'Akarere | b) District non tax revenues | b) Les recettes non fiscales du District | 3,604,285,226 |
| **II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA** | **II. TRANSFERS FROM CENTRAL GOVERNMENT** | **II.TRANSFERS DU GOUVERNEMENT CENTRAL** | **5,556,635,706** |
| a) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye | a) Earmarked transfers | a) Les transferts ciblés | 5,556,635,706 |
| b) Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye | b) Block Grant transfers | b) Les transferts non ciblés | 0 |
| **III.. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA** | **III. OTHER GOVERNMENT AGENCY GRANTS** | **III. AUTRES TRANSFERTS EN PROVENANCE DES INSTITUTIONS DE L'ETAT** | **10,115,830** |
| **IV. AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA** | **IV. DONOR FUNDS** | **IV. DONS DES BAILLEURS** | **481,401,199** |
| **V. INGUZANYO** | **V. DOMESTIC LOAN** | **V. EMPRUNTS** | **0** |
| **VI. INYUNGU KW'ISHORAMARI** | **VI. BENEFITS FROM INVESTMENTS** | **VI. BENEFICES D'INVESTISSEMENTS** | **0** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA** | **TOTAL REVENUES** | **RECETTES TOTALES** | **11,645,807,063** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANIJWE GUKORESHWA N'AKARERE** | **TOTAL EXPENDITURES OF THE DISTRICT** | **TOTAL DES DEPENSES DU DISTRICT** | **11,645,807,063** |



NCP

| | | | |
|---|---|---|---|
| **I. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU NGENGO Y'IMARI ISANZWE** | **I. CURRENT EXPENDITURES** | **I. DEPENSES COURANTES** | **9,042,871,433** |
| I.1. Amafaranga yishyura Imishahara | I.1. Wages and salaries | I.1. Salaires | 4,490,689,146 |
| I.2. Amafaranga azakoreshwa mu kwishyura ibintu n'imirimo | I.2. Goods and services | I.2. Biens et services | 1,497,662,725 |
| I.3. Imisanzu n'amafaranga yoherezwa | I.3. Subsidies and current transfers | I.3. Subventions et transferts courants | 2,761,656,419 |
| I.4. Imisanzu n'inkunga bihabwa abatishoboye | II.4. Social benefits | II.4. Assistance sociale | 292,863,143 |
| **II. AMAFARANGA AZASHORWA MU MISHINGA Y'ITERAMBERE** | **II. DEVELOPMENT PROJECTS EXPENDITURES** | **II. PROJETS DE DEVELOPPEMENT** | **2,602,935,630** |

**Ingingo ya 4: Amahame agenga ingengo y'imari y'urwego rw'ibanze**

Hakurikijwe uburyo bw'ihuzwa ry'ibigize Ingengo y'Imari rusange y'Akarere n'amahame ategeka ko Ingengo y'Imari ihurizwa hamwe, igakoreshwa mu mwaka umwe kandi ikagaragaza ibizinjira n'ibizakoreshwa byose, Ingengo y'Imari y' urwego rw'ibanze ihuriza hamwe amafaranga yinjizwa n'Akarere ubwako, Inkunga ziva mu Butegetsi Bwite bwa Leta, amafaranga y'abaterankunga ndetse n'amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe n'igenewe gushorwa mu mishinga y'Iterambere

**Article 4: Principles of the decentralized entity's budget**

In accordance with the concept of the unified budget, the rules of unity, universality and yearly budgeting, and for policy purposes, the budget of the decentralized entity encompasses all revenue generated by the District from its own taxes and non taxes, incomes from Central Government, donor grants as well as current expenditures and capital expenditures.

**Article 4: Principes régissant le budget d'un entité décentralisée**

Conformément au concept du budget unifié et au règles de l'unicité, de l'annualité et de l'universali budgétaire, le budget d'une entité décentralis intègre la totalité des recettes, des dons et des prê nets, des dépenses courantes et des dépenses capital.

**Ingingo ya 5: Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y' Imari ku rwego rw'ibanze**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ni we Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga Ingengo y'imari ku rwego rw'ibanze.

**Article 5: Chief Budget Manager for the decentralized entity's budget**

The Executive Secretary of the District is Chief Budget Manager for the decentralized entity's budget.

**Article 5: Gestionnaire Principal du Budg d'une entité décentralisée**

Le Secrétaire Exécutif du District est Gestionnaire Principal du Budget d'une ent décentralisée.

**Ingingo ya 6: Gahunda irambuye yo gukoresha ingengo y'imari y'umwaka**

Mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze, iyo ingengo y'imari yamaze gutorwa, Umuyobozi wa Komite Nyobozi mu butegetsi bw'urwego rw'ibanze amenyesha inzego zemerewe ingengo y'imari, agafatanya na zo gutegura gahunda irambuye y'uko ingengo y'imari izakoreshwa.

Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rw'ibanze, abyumvikanyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'urwo rwego, atanga uburenganzira bwo gukoresha amafaranga akurikije uko amafaranga yinjira n'uko asohoka na gahunda z'ibigomba kwitabwaho mbere y'ibindi.

**Article 6: Detailed annual expenditures plan of the budget**

After the adoption of the budget of the local administrative entities, the Executive Committee Chairperson of the local administrative level shall inform the organs which are entitled to budget and shall, in conjunction with the organs, prepare a detailed expenditures plan of the budget.

The Executive Committee Chairperson of the local administrative entity, in consultation with members of the Executive Committee of that entity, shall authorize the use of the expenditure depending on revenues and expenditures and the priorities.

**Article 6: Plan annuel détaillé d'exécution du budget**

Après l'adoption du budget de l'Entité Administrative Décentralisée, le Président du Comité Exécutif de l'Entité Administrative Décentralisée informe les organes qui ont bénéficié des allocations budgétaires et prépare avec eux un plan détaillé d'exécution du budget.

Le Président du Comité Exécutif de l'Entité Administrative Décentralisée, en concertation avec les autres membres du Comité Exécutif, autorise les dépenses en fonction des flux de trésorerie et des priorités.

**Ingingo ya 7: Gukoresha amafaranga adateganyijwe**

Birabujijwe gukoresha amafaranga adateganyijwe mu ngengo y'imari aho yava hose.

**Article 7: Extra budgetary expenditures**

It is strictly prohibited to incur extra budgetary expenditures whatever their source.

**Article 7 : Dépenses extrabudgétaires**

Il est strictement interdit de faire des dépenses extrabudgétaires quel que soit leur mode de financement.

**Ingingo ya 8: Ifatwa ry'icyemezo cyo kwishyura**

Nta mafaranga yishyurwa hatarabanje gufatwa icyemezo mbere kigaragaza ko azishyurwa.

Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga Ingengo y'Imari y'Akarere agomba kugenzura ko inyemezabuguzi zose zakiriwe n'Akarere zikandikwa mu bitabo byabigenewe mu gihe kigenwe, akanashyikiriza Ministeri ifite Imari mu nshingano zayo impapuro zisaba ko zishyurwa, itariki yo kwishyura itararenga.

**Article 8: Prior commitment to pay**

No payment shall be made without prior commitment to pay has been established.

The Chief Budget Manager is required to ensure the timely acknowledgement of all invoices by the District and their recording in the appropriate registers in a specific period, and the submission of payment requests to the Ministry in charge of finance, before the due date for payment.

**Article 8: Engagement préalable au paiement**

Aucun paiement ne peut être effectué, sans engagement préalablement établi.

Le Gestionnaire principal du budget est chargé de veiller à la réception et à l'enregistrement dans les délais de toutes les factures reçues par le District et de soumettre des demandes de décaissements au Ministère ayant les finances dans ses attributions avant l'échéance de paiement.

**Ingingo ya 9: Ububasha bwo kuguza mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze**

Mu nzego z'ubutegetsi bw'ibanze, Inama Njyanama y'Akarere ishobora gufata gusa imyenda yo gushora mu mishinga y'amajyambere hakurikijwe itegeko rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'uturere n'Umujyi wa Kigali n'ikoreshwa ryayo.

Inzego z'ubutegetsi bw'ibanze ntizifite ububasha bwo gutanga no kwemeza ingwate z'inguzanyo ku mutungo rusange wazo.

**Article 9: Authority to borrow in the Local Administrative Entities**

In local administrative entities, the Council of each entity may borrow loans for development projects only in accordance with the law establishing the source of finances and property of Districts and the City of Kigali and their use.

The organs of local administrative entities do not have powers to give and approve securities on their general property.

**Article 9 : Autorité d'emprunter au niveau des Entités Administratives Décentralisées.**

Au niveau des Entités Administratives Décentralisées, le Conseil de chaque entité ne peut contracter les prêts que pour le financement des projets de développement conformément à la loi portant finances des districts et de la Ville de Kigali et régissant leur utilisation.

Les entités administratives décentralisées n'ont pas le pouvoir de fournir ni d'approuver des garanties sur leur domaine public.

**Ingingo 10 : Itangwa ry'uburenganzira bwo kwimura amafaranga avanwa ku ngingo ajyanwa ku yindi mu nzego z'ibanze.**

Ku bireba inzego z'ubutegetsi bw'ibanze, afatanyije na Minisitiri ufite inzego z'ubutegetsi bw'ibanze mu nshingano ze n'abahagarariye inzego z'ubutegetsi bw'ibanze, Minisitiri ufite imari mu nshingano ze agena imirongo mikuru yerekeye uburyo bukoreshwa mu kuvana amafaranga ku ngingo ashyirwa ku yindi mu ngengo z'imari z'inzego z'ubutegetsi bw'ibanze. Inzego z'ubutegetsi bw'ibanze zishyiriraho amabwiriza agenga ibyo kwimura amafaranga ku ngingo z'ingengo y'imari ajyanwa ku zindi.

Hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kwimura amafaranga ku ngingo uyashyira ku zindi ntibyemewe hagati y'ingingo z'imishahara n'ibijyana nayo n'ibindi byiciro by'ingengo y'imari isanzwe keretse byemejwe n'Inama Njyanama y'urwo rwego rw'ubutegetsi bw'ibanze.

**Article 10: Authorization of reallocation of funds from one budgetary line to another in local administrative entities**

In conjunction with the Minister in charge of local administrative entities and representatives of local administrative entities, the Minister in charge of finance shall provide guidelines relating to procedures of reallocation of funds from one budgetary line to another in local administrative entities' budgets. Local administrative entities shall issue instructions governing reallocation of funds from one budgetary line to another.

Notwithstanding the provisions of paragraph one of this article, reallocation of funds from one budgetary line to another is not allowed between the salary and allowances line and other line of recurrent expenditure categories except where approved by the Council of such a local administrative entity.

**Article 10 : Autorisation de virement d'un poste à l'autre applicable aux budgets des entités administratives décentralisées**

En collaboration avec le Ministre ayant les entités administratives décentralisées dans ses attributions et les représentants des Entités Administratives Décentralisées, le Ministre ayant les finances dans ses attributions édicte des mesures générales concernant les virements d'un poste à l'autre applicables aux budgets des Entités Administratives Décentralisées. Les Entités Administratives Décentralisées édictent les directives concernant les virements.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, aucun virement n'est autorisé entre les salaires et d'autres avantages y relatifs vers d'autres catégories de fonctionnement du budget ordinaire, sans l'accord du Conseil de l'Entité Administrative Décentralisée.

**Ingingo ya 11: Ihagarikwa ry'uburenganzira bwo kwishyura n'ubwo gushora amafaranga**

Kuriha amafaranga agenwe mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2016/2017 byemewe kugeza ku itariki ya 30/06/2017, ariko kwemererwa uburenganzira bwo gushora amafaranga azakoreshwa bihagarikwa kuva kuwa 15 **Gicurasi** k'uwo mwaka, keretse bitangiwe uruhushya rusobanura impamvu yabyo na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

**Ingingo ya 12: Ingingo z'amategeko zivanwaho**

Ingingo zose z'amategeko n'ibyemezo zibanziriza iki cyemezo byemejwe n'Akarere kandi zinyuranyije nacyo zivanyweho

**Article 11: Closing date of payment of funds and expenditures commitment**

Payment of funds provided in the 2016/2017 budget shall be allowed until June 30, 2017 but expenditures commitment shall end on May 15 of the same year unless authorized by the Minister in charge of finance.

**Article 12: Abrogating provision**

All previous legal provisions approved by the District Council contrary to this decision are abrogated

**Article 11: Clôture des opérations de paiement et des engagements de dépenses**

Les paiements rattachés au budget 2016/2017 sont autorisés jusqu'au 30 Juin 2017 tandis que les engagements de dépenses sont clôturés au 15 Mai de la même année sauf exception spécifique autorisée par le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

**Article 12: Disposition Abrogatoire**

Toutes les antérieures dispositions légales approuvées par le Conseil du District contraires à la présente décision sont abrogées

**Ingingo ya 13 : Igihe icyemezo gitangira Gukurikizwa**

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa Inama Njyanama y'Akarere imaze gutora ingengo y'imari y'Akarere kigashyirwaho umukono n'abagize Biro y'Inama Njyanama (Umunyamabanga n'Umuyobozi w'Inama Njyanama) kandi kikanatangazwa.

**Ingingo ya 14: Itegurwa n'isuzumwa ry'iki cyemezo**

Iri tegeko ryateguwe risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 13: Commencement**

This Decision comes into force on the date of the approval by the District Council after it is signed by the members of the bureau of the District Council (Secretary and Chairperson of the Council) and its publication.

**Article 14: Draft and consideration of this decision**

This law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 13: Entrée en vigueur**

La présente décision entre en vigueur le jour où le Conseil du District approuve le budget. Après qu'elle soit signée par les membres du bureau du Conseil du District (Secrétaire et Président du Conseil du District) et qu'elle soit publiée.

**Article 14: Initiation et examen de la présente décision**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Kicukiro, kuwa 25 Kamena 2016

..................................

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

**UWIZEYE Odette**

..................................

Umuyobozi w'Inama Njyanama

**Eng. NKUBANA A. Dismas**

**Bishyizweho Kashe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro**

Kicukiro on 25[th] June 2016

..................................

The Secretary of the Council

**UWIZEYE Odette**

..................................

The Chairperson of the Council

**Eng. NKUBANA A. Dismas**

**Sealed with the Seal of the District Council of Kicukiro**

Kicukiro le 25 Juin 2016

..................................

Le Secrétaire du Conseil

**UWIZEYE Odette**

..................................

Le Président du Conseil

**Eng. NKUBANA A. Dismas**

**Scellé du Sceau du Conseil de District de Kicukiro**